RWANDA EDUCATION BOARD
P.O Box 3817 Kigali
Telephone : (+250) 255121482
E-mail: info@reb.rw
Website: www.reb.rw

ITANGAZO No 08...../REB/14

Kurivuga kabiri (2) mu gihe cy'iminsi itanu (5)

Itangazo rigenewe abantu bose bahawe inguzango ya buruse na Leta yo kwiga amashuri Makuru na Kaminuza.

Ubuyobozi bw' Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Uburezi mu Rwanda (REB) buramesha abantu bose bigiye ku nguzanyo ya buruse bahawe na Leta zo kwiga mu Rwanda cyangwa hanze guhera mu mwaka wa **1980 kugeza 2013** bakorera mu bigo bya Leta ndetse no mu bigo byigenga bitandukanye bakaba bataratangira kwiyishyura iyo inguzanyo ko igihe ntarengwa cyo kwimenyekanisha no gutangira kwishyura cyongereweho ukwezi kumwe gusa kikazarangira ku itariki ya **28 Gashyantare 2014.**

ICYITONDERWA :

- Umukozi wahawe inguzanyo ya buruse ashobora kwiyishyurira abinyujije ku mukoresha we cyangwa akiyishyurira ku giti cye akoresheje konti zikurikira**: 1202993 BNR; 5032611-01-93 BCR; 130-1053584-58 COGEBANQUE; 011-1000459 FINABANK.**
- Buri mukozi arasabwa kugana ikigo gishinzwe gutanga no kwishyuza inguzanyo ya buruse gikorera i Remera akuzuza impampuro zabugenewe **"Individual Staff Declaration Form"** cyangwa se akayuzuriza ku rubuga rwa interineti rwa REB arirwo: **www.reb.rw.**
- Itariki ntarengwa yo gutangira kwishyura ni tariki ya **28 Gashyantare 2014.**
- Abakoresha bose b'ibigo bya Leta n'ibyigenga barasabwa kumenyekanisha abakozi bose bahawe inguzanyo na Leta kandi utazabyubahiriza azabihanirwa n'amategeko;
- Umukozi utazubahiriza igihe cyavuzwe hejuru azafatwa nk'uwanze kwishyura inguzanyo yahawe kandi ashyirwe ku rutonde rwa ba bihemu n'ikigo gishinzwe gukusanya no gukwirakwiza amakuru ku banze kwishyura amadeni (CRB Africa Ltd) ndetse afatirwe ibihano hakurikijwe itegeko rigena imitangire n'imyishyurize y'inguzanyo mu Rwanda.
- Uwifuza ibindi bisobanuro yabariza ku cyicaro gikuru cya REB i Remera, mu ishami rishinzwe gutanga no kwishyuza inguzanyo za buruse cyangwa akohereza ubutumwa kuri: **loan@reb.rw na infohesld@reb.rw.**

Bikorewe i Kigali ku wa 12/02/2014

Dr. John RUTAYISIRE
Umuyobizi Mukuru